

ITEGEKO N°48/2015 RYO KU WA
23/11/2015 RIGENA IMITERERE,
IMIKORERE N'IMICUNGIRE
Y'UBWISHINGIZI BW'INDWARA MU
RWANDA

LAW N° 48/2015 OF 23/11/2015 GOVERNING
THE ORGANISATION, FUNCTIONING AND
MANAGEMENT OF HEALTH INSURANCE
SCHEMES IN RWANDA

LOI N°48/2015 DU 23/11/2015 PORTANT
ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET
GESTION DES REGIMES D'ASSURANCE
MALADIE AU RWANDA

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya Mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro bw'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Ingingo ya 3: Kugira Ubwishingizi
bw'indwara

Article 3: Having health insurance

Article 3: Avoir une assurance maladie

Ingingo ya 4: Uruhare rw'umukoresha mu
kwishyura imisanzu y'ubwishingizi
bw'indwara ku bakozi

Article 4: Employer's contribution to the payment
of health insurance contributions for employees

Article 4: Contribution de l'employeur au
paiement des cotisations d'assurance maladie
pour les employés

Ingingo ya 5: Ubwishingizi bw'indwara ku
bantu bagiye mu kiruhuko cy' izabukuru

Article 5: Health insurance coverage for retired
persons

Article 5: Couverture d'assurance maladie
pour les retraités

Ingingo ya 6: Ibyiciro by'ubwishingizi
bw'indwara

Article 6: Types of health insurance

Article 6: Types d'assurance maladie

UMUTWE WA II: UBWISHINGIZI
BW'INDWARA BUDAHARANIRA
INYUNGU

CHAPTER II: SOCIAL HEALTH INSURANCE

CHAPITRE II: ASSURANCE MALADIE
SOCIALE

Ingingo ya 7: Ibyiciro by'ubwishingizi

Article 7: Categories of social health insurance

Article 7: Catégories de l'assurance maladie

| | | |
|-------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| bw'indwara budaharanira inyungu | | sociale |
| <u>Icyiciro cya mbere:</u> Ubwishingizi bw'indwara butangwa n'ibigo bya Leta | <u>Section One:</u> Health insurance provided by public entities | <u>Section première:</u> Assurance maladie fournie par les entités publiques |
| <u>Ingingo ya 8:</u> Abarebwa n'ubwishingizi bw'indwara butangwa n'ibigo bya Leta | <u>Article 8:</u> Persons covered by health insurance entities provided by public entities | <u>Article 8:</u> Personnes couvertes par l'assurance maladie fournie par les entités publiques |
| <u>Ingingo ya 9:</u> Abagize umuryango b'uwafashe ubwishingizi | <u>Article 9:</u> Family members of the affiliate | <u>Article 9:</u> Membres de famille de l'affilié |
| <u>Ingingo ya 10:</u> Imisanzu | <u>Article 10:</u> Contributions | <u>Article 10:</u> Cotisations |
| <u>Icyiciro cya 2:</u> Ubwisungane mu kwivuza | <u>Section 2:</u> Community-based health insurance schemes | <u>Section 2 :</u> Mutuelles de santé |
| <u>Ingingo ya 11:</u> Abarebwa n'ubwishingizi bw'ubwisungane mu kwivuza | <u>Article 11:</u> Persons required to join community-based health insurance schemes | <u>Article 11:</u> Personnes devant s'affilier aux mutuelles de santé |
| <u>Ingingo ya 12:</u> Umusanzu n'inkunga mu bwisungane mu kwivuza | <u>Article 12:</u> Contribution to and financing of community-based health insurance schemes | <u>Article 12:</u> Cotisation et financement pour les mutuelles de santé |
| <u>Icyiciro cya 3:</u> Ubwishingizi mu kwivuza butangwa n'amashyiramwe | <u>Section 3:</u> Health insurance provided by associations | <u>Section 3 :</u> Assurance maladie fournie par les associations |
| <u>Ingingo ya 13:</u> Abarebwa n'ubwishingizi bw'indwara butangwa n'amashyirahamwe | <u>Article 13:</u> Persons to be covered by health insurance provided by associations | <u>Article 13:</u> Personnes devant être couvertes par l'assurance maladie fournie par les associations |
| <u>Ingingo 14:</u> Imisanzu | <u>Article 14:</u> Contributions | <u>Article 14 :</u> Cotisations |
| <u>UMUTWE WA III: UBWISHINGIZI BW'INDWARA BUTANGWA N'IBIGO BIHARANIRA INYUNGU</u> | <u>CHAPTER III: COMMERCIAL HEALTH INSURANCE</u> | <u>CHAPITRE III: ASSURANCE MALADIE COMMERCIALE</u> |
| <u>Ingingo ya 15:</u> Abarebwa n'ubwishingizi | <u>Article 15:</u> Persons to be covered by commercial | <u>Article 15 :</u> Personnes devant être couvertes |

| | | |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------|
| bw'indwara butangwa n'ibigo biharanira inyungu | health insurance | par l'assurance maladie commerciale |
| <u>Ingingo ya 16:</u> Imisanzu itangwa mu bigo by'ubwishingizi bw'indwara biharanira inyungu | <u>Article 16:</u> Premiums payable to commercial health insurance entities | <u>Article 16:</u> Primes payées auprès des entités commerciales d'assurance maladie |
| <u>Ingingo ya 17:</u> Ibikubiye mu masezerano y'ubwishingizi bw'indwara butangwa n'ibigo by'ubwishingizi bw'indwara biharanira inyungu | <u>Article 17:</u> Contents of commercial health insurance contract | <u>Article 17:</u> Contenu d'un contrat d'assurance maladie commerciale |
| <u>UMUTWE WA IV:</u> INGINGO ZIHURIWEHO | <u>CHAPTER IV:</u> COMMON PROVISIONS | <u>CHAPITRE IV:</u> DISPOSITIONS COMMUNES |
| <u>Ingingo ya 18:</u> Inshingano z'umwishingizi | <u>Article 18:</u> Responsibilities of the insurer | <u>Article 18:</u> Responsabilités de l'assureur |
| <u>Ingingo ya 19:</u> Ibitishingirwa n'ubwishingizi bw'indwara | <u>Article 19:</u> Cases not covered by health insurance | <u>Article 19:</u> Cas non couverts par l'assurance maladie |
| <u>Ingingo ya 20:</u> Ibikorwa by'ubuvuzi n'ababitanga | <u>Article 20:</u> Healthcare packages and respective providers | <u>Article 20:</u> Gamme de prestations de soins de santé et prestataires respectifs |
| <u>Ingingo ya 21:</u> Ibikorwa by'ubuvuzi byafatiwe ubundi bwishingizi | <u>Article 21:</u> Healthcare services insured by other insurers | <u>Article 21:</u> Prestations de soins de santé assurées par d'autres assureurs |
| <u>Ingingo ya 22:</u> Ikiranga uwishingiwe | <u>Article 22:</u> Proof of insurance | <u>Article 22:</u> Preuve d'affiliation |
| <u>Ingingo ya 23:</u> Igihe cyo gutangira no kurangiza guhabwa ubwishingizi | <u>Article 23:</u> Commencement and end of insurance cover | <u>Article 23:</u> Début et fin de la couverture d'assurance |
| <u>Ingingo ya 24:</u> Inshingano z'uwishingiwe | <u>Article 24:</u> Responsibilities of the insured person | <u>Article 24:</u> Responsabilités de l'assuré |
| <u>Ingingo ya 25:</u> Kwishyura inyemezabuguzi | <u>Article 25:</u> Payment of bills from healthcare | <u>Article 25:</u> Règlement des factures des |

| z'ibigo bitanga ubuvuzi | facilities | établissements de santé |
|------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| UMUTWE WA V: INAMA Y'UBWISHINGIZI KU NDWARA MU RWANDA | CHAPTER V: RWANDA HEALTH INSURANCE COUNCIL | CHAPITRE V: CONSEIL D'ASSURANCE MALADIE AU RWANDA |
| <u>Ingingo ya 26:</u> Inama y'Igihugu y'ubwishingizi bw'indwara | <u>Article 26:</u> National Health Insurance Council | <u>Article 26:</u> Conseil National d'Assurance Maladie |
| <u>Ingingo ya 27:</u> Inshingano z'Inama y'Igihugu y'ubwishingizi bw'indwara | <u>Article 27:</u> Responsibilities of the National Health Insurance Council | <u>Article 27:</u> Attributions du Conseil National d'Assurance Maladie |
| UMUTWE WA VI: INGAMBA KU GUKUMIRA IMIKORERE MIBI MU ITANGWA RY'UBUVUZI | CHAPTER VI: MEASURES TO PREVENT MALPRACTICES IN THE PROVISION OF HEALTHCARE SERVICES | CHAPITRE VI: MESURES DE PREVENTION DE MAUVAISES PRATIQUES DANS LA PRESTATION DES SERVICES DE SANTE |
| <u>Ingingo ya 28:</u> Kutubahiriza urutonde rw'imiti rwemewe | <u>Article 28:</u> Compliance with approved drug list | <u>Article 28:</u> Conformité avec la liste des médicaments autorisés |
| <u>Ingingo ya 29:</u> Ubuziranenge mu gutanga ibikorwa by'ubwishingizi | <u>Article 29:</u> Quality assurance in the provision of insurance services | <u>Article 29:</u> Assurance qualité dans la prestation des services d'assurance |
| <u>Ingingo ya 30:</u> Uburyo bwo gukemura impaka mu birebana n'ubwishingizi | <u>Article 30:</u> Procedure for the settlement of insurance disputes | <u>Article 30:</u> Procédure de règlement des litiges liés à l'assurance |
| UMUTWE WA VII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA | CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS | CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES |
| <u>Ingingo ya 31:</u> Igihe gihabwa amashyirahamwe asanzwe akora umurimo w'ubwishingizi | <u>Article 31:</u> Time-limit granted to associations already engaged in the insurance activity | <u>Article 31:</u> Délai accordé aux associations déjà engagées dans l'activité d'assurance |
| <u>Ingingo ya 32:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa | <u>Article 32:</u> Drafting, consideration and adoption | <u>Article 32:</u> Initiation, examen et adoption de la |

ry'iri tegeko

of this Law

présente loi

Ingingo ya 33: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko

Article 33: Repealing provision

Article 33: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 34: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 34: Commencement

Article 34: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°48/2015 RYO KU WA
23/11/2015 RIGENA IMITERERE,
IMIKORERE N'IMICUNGIRE
Y'UBWISHINGIZI BW'INDWARA MU
RWANDA**

**LAW N°48/2015 OF 23/11/2015 GOVERNING
THE ORGANISATION, FUNCTIONING AND
MANAGEMENT OF HEALTH INSURANCE
SCHEMES IN RWANDA**

**LOI N°48/2015 DU 23/11/2015 PORTANT
ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET
GESTION DES REGIMES D'ASSURANCE
MALADIE AU RWANDA**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA
KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA
MU IGAZETI YA LETA YA REPUBLICA
Y'U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE
SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF
THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS
QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU
RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa
11 Nzeri 2015;

The Chamber of Deputies, in its session of 11
September 2015;

La Chambre des Députés, en sa séance du 11
septembre 2015;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 7
Nzeri 2015;

The Senate, in its session of 7 September 2015;

Le Sénat, en sa séance du 7 septembre 2015;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u
Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko
ryavuguruwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo
zaryo iya 9, iya 11, iya 41, iya 62, iya 66, iya 67,
iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya
108, iya 118 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,
especially in Articles 9, 11, 41, 62, 66, 67, 88, 89,
90, 92, 93, 95, 108, 118 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda
du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour,
spécialement en ses articles 9, 11, 41, 62, 66, 67,
88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118 et
201;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mberere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigena imiterere, imikorere n'umicungire y'ubwishingizi bw'indwara mu Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afitte ibisobanuro bikurikira:

- 1° **amasezerano:** ubwumvikane hagati y'umwishingizi n'umunyamuryango ku bwishingizi bw'indwara kugira ngo hatangwe ibikorwa by'ubuvuzi hashingiwe ku misanzu yatanzwe;
- 2° **ibigo bitanga ibikorwa by'ubuvuzi:** ibigo by'ubuvuzi cyangwa abantu bakora umwuga wo kuvura bagiranye amasezerano n'ibigo bya Leta cyangwa by'abigenga by'ubwishingizi bw'indwara;
- 3° **Inama:** inama y'Igihugu y'Ubwishingizi bw'Indwara mu Rwanda;
- 4° **inyunganirabwishyu:** uruhare rw'umunyamuryango cyangwa uwo yishingiye mu kwishyura ibikorwa by'ubuvuzi yakorewe;

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law determines the organization, functioning and management of health insurance schemes in Rwanda.

Article 2: Definitions of terms

In this Law, the following terms shall have the following meanings:

- 1° **contract:** a health insurance agreement between an insurer and an affiliate for the provision of healthcare services in exchange for the premiums or contributions paid;
- 2° **healthcare entities:** healthcare entities or medical practitioners having entered into agreements with public or private health insurance entities;
- 3° **Council:** National Health Insurance Council;
- 4° **co-payment fee:** a proportionate share paid by an affiliate or his/her eligible beneficiary in exchange for healthcare services received;

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi détermine l'organisation, le fonctionnement et la gestion des régimes d'assurance maladie au Rwanda.

Article 2: Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

- 1° **contrat:** accord d'assurance-maladie entre un assureur et un membre affilié en vue de la prestation des services de soins de santé en contrepartie des primes ou de cotisations payées ;
- 2° **entités de santé :** entités de soins de santé ou médecins ayant conclu des accords avec les entités publiques ou privées d'assurance maladie;
- 3° **Conseil :** Conseil National de l'Assurance Maladie ;
- 4° **ticket modérateur:** quote-part payée par l'affilié ou son ayant-droit en contrepartie des services de soins de santé reçus;

Official Gazette n° 04 of 25/01/2016

- 5° **itsinda:** abantu barenze umwe bishyira hamwe kugira ngo babone uko bafata ubwishingizi bw'indwara;
- 6° **ubwishingizi bw'indwara:** uburyo bushingiye ku bwumvikane hagati y'umuntu, itsinda ry'abantu cyangwa se umuryango utanga umusanzu ku bwishingizi bw'indwara, hagamijwe guhabwa ibikorwa by'ubuvuzi;
- 7° **ubwishingizi bw'indwara butagamije inyungu :** uburyo bwo kwishyura no gucunga ubwishingizi bw'indwara, bushingiye ku bwisungane mu kwivuza;
- 8° **Ubwisungane mu kwivuza:** uburyo magirirane abantu bishyira hamwe batanga imisanzu biteganyiriza hamwe n'imiryango yabo kugira ngo bashobore kwirinda indwara no kwivuza igihe barwaye;
- 9° **umuntu uri mu kiruhuko cy'izabukuru:** umuntu wese wemerewe guhabwa amafaranga y'izabukuru hashingiwe ku mategeko abigena;
- 10° **umunyamuryango:** umuntu wese utanga umusanzu w'ubwishingizi bw'indwara butangwa n'ibigo byemewe n'amategeko kandi akaba afite ikarita y'ubunyamuryango;
- 5° **group:** two or more individuals who jointly subscribe to health insurance;
- 6° **health insurance:** a mutual arrangement whereby a person, group or household pays premiums or contributions to a health insurance for the purpose of receiving healthcare services;
- 7° **social health insurance:** a form of financing and managing health insurance based on risk pooling in healthcare;
- 8° **Community-based health insurance scheme:** a mutual help system whereby people organize themselves collectively by paying contributions for themselves and their families to protect themselves against diseases and to access healthcare services in case of sickness;
- 9° **retired person:** any person entitled to receive pension benefits in accordance with relevant laws;
- 10° **affiliate:** any person who pays a contribution towards health insurance provided by recognized schemes and who is a holder of a membership card;
- 5° **groupe :** deux ou plusieurs personnes physiques se regroupant pour souscrire à une assurance maladie ;
- 6° **assurance maladie :** accord mutuel par lequel une personne, un groupe de personnes ou un ménage paie des primes ou cotisations à une assurance maladie en vue de bénéficier des services de soins de santé ;
- 7° **assurance maladie sociale:**forme de financement et de gestion de l'assurance maladie fondée sur la mutualisation des risques en matière de soins de santé;
- 8° **Mutuelle de santé:** système d'entraide mutuelle grâce auquel les gens s'organisent collectivement en versant des cotisations pour eux- mêmes et leurs familles en vue de se protéger contre les maladies et de bénéficier des soins de santé en cas de maladie;
- 9° **retraité:** toute personne ayant droit à des prestations de retraite conformément aux lois en la matière ;
- 10° **affilié :** toute personne qui paie une cotisation en vue d'une assurance maladie fournie par les régimes agréés et qui est titulaire d'une carte de membre;

11° **umusanzu ku bwishingizi bw'indwara butagamije inyungu mu bwishingizi bw'indwara butangwa na Leta:** amafaranga yishyurwa n'uwishinganisha cyangwa uwishyurirwa n'umufatabuguzi, hakurikijwe ibyemezwa n'ubwishingizi kugira ngo ahabwe ibikorwa by'ubuvuzi;

12° **umusanzu ku bwishingizi bw'indwara butangwa n'ibigo biharanira inyungu:** amafaranga yishyurwa cyangwa yishyurirwa umunyamuryango agenewe ibikorwa by'ubwishingizi bw'indwara;

13° **umwishingizi:** ikigo cya Leta, icy'abikorera, ikigo cy'ubwisungane mu kwivuza, ishyirahamwe n'undi wese ukora umurimo w'ubwishingizi wemewe gukorera ibikorwa by'ubwishingizi bw'indwara mu Rwanda;

14° **uwishingirwa n'umunyamuryango:** umuntu wese wishyurirwa imisanzu cyangwa uwegamiye ku munyamuryango.

11° **health insurance contribution to the Government-provided health insurance :** an amount paid by the insured or the affiliate's eligible beneficiary according to insurance terms and conditions for the purpose of receiving healthcare services;

12° **commercial health insurance premium:** an amount paid by or for the affiliate for health insurance purposes;

13° **insurer:** a public, private entity, community-based health insurance scheme, association and any other person carrying out insurance business authorized to engage in health insurance business in Rwanda;

14° **affiliate's eligible beneficiary:** any person whose premiums are paid by a third party or who is a dependent of the affiliate.

11° **cotisation d'assurance maladie sociale à l'assurance maladie fournie par l'Etat:** montant payé par l'assuré ou par un ayant-droit de l'affilié conformément aux conditions d'assurance en vue de bénéficier des services de soins de santé;

12° **prime d'assurance maladie commerciale:** montant payé par ou pour l'affilié à des fins d'assurance maladie;

13° **assureur :** entité publique, privée, mutuelle de santé, association et toute autre personne engagée dans les activités d'assurance autorisée à exercer les activités d'assurance maladie au Rwanda;

14° **ayant-droit de l'affilié :** toute personne dont les primes sont payées par un tiers ou qui est à charge de l'affilié.

Ingingo ya 3: Kugira ubwishingizi bw'indwara

Kugira ubwishingizi bw'indwara birategetswe.

Umuntu wese uri ku butaka bw'u Rwanda, yaba Umunyarwanda cyangwa Umunyamahanga ategetswe kuba afite ubwishingizi bw'indwara.

Article 3: Having health insurance

Health insurance shall be mandatory.

Any person, whether a Rwandan or a foreign national, who is on the Rwandan territory shall be required to have health insurance.

Article 3: Avoir une assurance maladie

L'assurance maladie est obligatoire.

Toute personne, qu'elle soit un ressortissant rwandais ou étranger, se trouvant sur le territoire rwandais est tenue d'avoir une assurance maladie.

Umuntu wese winjira mu Rwanda nta bundi bwishingizi afite ategetswe kuba yabonye ubwishingizi bitarenze iminsi mironko itatu (30) mu kigo cy'ubwishingizi yahisemo.

Any person entering the Rwandan territory without having any other form of insurance must subscribe to insurance with an insurance regime of his/her choice within a period not exceeding thirty (30) days.

Toute personne entrant sur le territoire rwandais sans avoir une autre forme d'assurance, doit, dans un délai n'excédant pas trente (30) jours, souscrire à une assurance auprès d'un régime d'assurance de son choix.

Ingingo ya 4: Uruhare rw'umukoresha mu kwishyura imisanzu y'ubwishingizi bw'indwara ku bakozi

Article 4: Employer's contribution to the payment of health insurance contributions for employees

Article 4: Contribution de l'employeur au paiement des cotisations d'assurance maladie pour les employés

Umukoresha wese, yaba Leta cyangwa utegamiye kuri Leta ategetswe kugira uruhare mu kwishyura imisanzu y'ubwishingizi bw'indwara ku bakozi be mu kigo cy'ubwishingizi cyemewe kandi cyujuje ibisabwa n'amategeko.

Any employer, whether public or private, shall be required to contribute to the payment of his/her employees' health insurance contributions in a recognized insurance scheme satisfying conditions required by law.

Tout employeur, tant public que privé, est tenu de contribuer au paiement des cotisations d'assurance maladie de ses employés auprès d'un régime d'assurance agréé et remplissant les conditions requises par la loi.

Buri mukoresha wese atanga gihamyana yerekana ko yatanze ubwishingizi bw'abakozi be.

Each employer shall furnish proof of having subscribed to insurance for his/her employees.

Chaque employeur présente une preuve de souscription d'une assurance pour ses employés.

Ingingo ya 5: Ubwishingizi bw'indwara ku bantu bagiye mu kiruhuko cy'izabukuru

Article 5: Health insurance coverage for retired persons

Article 5: Couverture d'assurance maladie pour les retraités

Umuntu ugiye mu kiruhuko cy'izabukuru afite ubwishingizi bw'indwara butangwa n'ikigo cya Leta akomeza guhabwa ubwo bwishingizi n'icyo kigo.

A person who retires while having health insurance provided by a public health insurance entity shall continue to be covered by such a health insurance entity.

Une personne qui part à la retraite ayant une assurance souscrite auprès d'une entité publique d'assurance maladie continue d'être couverte par l'assurance de cette entité.

Umuntu ugiye mu kiruhuko cy'izabukuru afite ubwishingizi butangwa n'ikigo giharanira inyungu avurwa hakurikijwe amasezerano yagiranye n'icyo kigo.

A person who retires while having insurance provided by a commercial health entity shall receive healthcare in accordance with his/her existing contract with this entity.

Une personne qui part à la retraite ayant une assurance souscrite auprès d'une entité commerciale d'assurance maladie bénéficie des soins de santé conformément au contrat déjà conclu avec cette entité.

Iteka rya Minisitiri ufite ubwiteganyirize mu nshingano, rigena imiterere y'imisanzu kubari mu

An Order of the Minister in charge of social security shall determine the type of contributions of the

Un Arrêté du Ministre ayant la sécurité sociale dans ses attributions détermine la nature des

| | | |
|---------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------|
| zabukuru bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. | retired persons provided under Paragraph One of this Article. | cotisations des retraités visés à l'alinéa premier du présent article. |
| <u>Ingingo ya 6:</u> Ibyiciro by'ubwishingizi bw'indwara | <u>Article 6:</u> Types of health insurance | <u>Article 6:</u> Types d'assurance maladie |
| Ubwishingizi bw'indwara bukubiye muri ibi bice bikurikira: | Types of health insurance shall be the following: | Les types d'assurance maladie sont les suivants: |
| 1° ubwishingizi ku ndwara budaharanira inyungu; | 1° social health insurance; | 1° l'assurance maladie sociale ; |
| 2° ubwishingizi ku ndwara butangwa n'ibigo biharanira inyungu. | 2° commercial health insurance. | 2° l'assurance maladie commerciale. |
| Imitunganyirize y'ubwishingizi bw'indwara muri buri cyiciro iteganywa n'amategeko yihariye. | The organization of each type of health insurance shall be governed by specific laws. | L'organisation de chaque type d'assurance maladie est régie par des lois particulières. |
| <u>UMUTWE WA II: UBWISHINGIZI BW'INDWARA BUDAHARANIRA INYUNGU</u> | <u>CHAPTER II: SOCIAL HEALTH INSURANCE</u> | <u>CHAPITRE II: ASSURANCE MALADIE SOCIALE</u> |
| <u>Ingingo ya 7:</u> Ibyiciro by'ubwishingizi bw'indwara budaharanira inyungu | <u>Article 7:</u> Categories of social health insurance | <u>Article 7:</u> Catégories de l'assurance maladie sociale |
| Ubwishingizi bw'indwara budaharanira inyungu bugizwe n'ibi bikurikira: | Social health insurance shall consist of the following : | L'assurance maladie sociale se compose de ce qui : |
| 1° ubwishingizi bw'indwara butangwa n'ibigo bya Leta; | 1° health insurance provided by public entities; | 1° l'assurance maladie fournie par les entités publiques; |
| 2° ubwisungane mu kwivuzza; | 2° community-based health insurance schemes; | 2° les mutuelles de santé; |
| 3° ubwishingizi butangwa n'amashyirahamwe y'ubwishingizi ku | 3° insurance provided by health insurance associations. | 3° l'assurance fournie par les associations d'assurance maladie. |

ndwara.

Icyiciro cya mbere: Ubwishingizi bw'indwara butangwa n'ibigo bya Leta

Ingingo ya 8: Abarebwa n'ubwishingizi bw'indwara butangwa n'ibigo bya Leta

Ubwishingizi bw'indwara butangwa n'ibigo bya Leta bureba aba bakurikira:

- 1° mandateri politiki babihemberwa;
- 2° umukozi wa Leta yaba agengwa na sitati yihariye cyangwa sitati rusange y'abakozi ba Leta cyangwa n'amasezerano y'umurimo;
- 3° umukozi ukora mu kigo cyigenga;
- 4° umuntu uri mu kiruhuko cy'izabukuru.

Abikorera cyangwa abakorera mu bigo byigenga bihitiramo ibigo by'ubwishingizi bw'indwara bashatse. Ba mandateri politiki babihemberwa n'abakozi ba Leta bagomba gufatirwa ubwishingizi bw'indwara mu bigo by'ubwishingizi bya Leta.

Iteka rya Minisitiri ufite ubwiteganyirize mu nshingano ze riteganya uburyo umuntu ku giti cye n'uri mu kiruhuko cy'izabukuru bafata ubwishingizi butangwa n'ibigo by'ubwishingizi bya Leta.

Section One: Health insurance provided by public entities

Article 8: Persons covered by health insurance provided by public entities

Health insurance provided by public entities shall cover the following persons:

- 1° political leaders remunerated for acting in such capacity;
- 2° a public servant governed by a special statute or the General Statutes for Public Service or employment contract;
- 3° a private sector employee;
- 4° a retired person.

Self-employed individuals or those working for private institutions shall join health insurance schemes of their choice. Political leaders remunerated for acting in such capacity and public servants must have their health insurance subscribed to health insurance public entities.

An Order of the Minister in charge of social security shall determine modalities for affiliation of self-employed individual and retired person to health insurance public entities.

Section première : Assurance maladie fournie par les entités publiques

Article 8: Personnes couvertes par l'assurance maladie fournie par les entités publiques

L'assurance maladie fournie par les entités publiques couvre les personnes suivantes:

- 1° les mandataires politiques rémunérés au titre de cette qualité;
- 2° l'agent de l'Etat régi par un statut particulier ou le Statut Général de la Fonction Publique ou un contrat de travail;
- 3° l'employé au sein du secteur privé;
- 4° un retraité.

Les travailleurs autonomes ou ceux travaillant pour les institutions privées sont affiliés auprès des entités d'assurance maladie de leur choix. Les mandataires politiques rémunérés en cette qualité et les agents de l'Etat doivent se voir affilier auprès des entités publiques d'assurance maladie.

Un Arrêté du Ministre ayant la sécurité sociale dans ses attributions détermine les conditions d'affiliation d'un travailleur autonome et d'une personne retraitée auprès des entités publiques d'assurance maladie.

Ingingo ya 9: Abagize umuryango b'uwashe ubwishingizi

Abagize umuryango b'uwashe ubwishingizi ni aba bakurikira:

- 1° uwo bashakanye byemewe n'amategeko;
- 2° umwana wemewe n'amategeko mbonzambano.

Umwana uvugwa mu gace ka kabiri (2) agomba kuba ari ingaragu, atarengeje imyaka makumyabiri n'umwe y'amavuko (21), kandi nta mushahara abona wa buri kwezi.

Umwana wiga akomeza kwishingirwa kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25) mu gihe agaragarije umwishingizi icyemezo cy'ishuri.

Icyakora, umwana ufite ubumuga bumubuza gukora icyo aricyo cyose gituma atagira icyo yimarira akomeza kwishingirwa kabone niyo yaba arengeje imyaka makumyabiri n'itanu (25) y'amavuko. Ubwo bumuga bugomba kuba bwemejwe na muganga wemewe na Leta.

Ingingo ya 10: Imisanzu

Imisanzu itangwa n'umukoresha n'umukozi. Icyakora, umukoresha abishatse ayatanga yose. Umukoresha niwe ushinze kumenyekanisha, gutanga no kugaragaza ko imisanzu y'umukozi we yatanze, harimo uruhare rwe n'urw'umukozi.

Article 9: Family members of the affiliate

Family members of the affiliate shall be the following:

- 1° his/her legal spouse;
- 2° a child recognized under civil law.

The child referred to under item 2 should be unmarried, not exceeding twenty-one (21) years of age and unemployed.

A child who is still a student shall continue to be insured up to the age of twenty-five (25) years provided that he/she submits a certificate of attendance to the insurer.

However, a child with a disability that prevents him/her from earning a living shall continue to be an insured person even though he/she may be aged more than twenty-five (25) years. Such a disability shall be certified by an authorized medical doctor.

Article 10: Contributions

Contributions shall be shared between the employer and the employee. However, the employer may freely choose to pay the full amount of contributions. The employer shall have the responsibility to report and pay employee contributions and prove payment thereof, indicating the employer's and employee's

Article 9: Membres de famille de l'affilié

Les membres de famille de l'affilié sont les suivants:

- 1° son conjoint légal;
- 2° un enfant reconnu en vertu du droit civil.

L'enfant visé au point 2 doit être célibataire, âgé de vingt-et-un (21) ans au plus et sans emploi mensuel rémunéré.

Un enfant qui fait encore ses études continue d'être assuré jusqu'à l'âge de vingt-cinq (25) ans à condition qu'il présente à l'assureur une attestation de fréquentation.

Toutefois, un enfant qui a un handicap l'empêchant de gagner sa vie continue d'être un assuré quand bien même il serait âgé de plus de vingt-cinq (25) ans. Un tel handicap doit être certifié par un médecin agréé.

Article 10: Cotisations

Les cotisations sont partagées entre l'employeur et l'employé. Toutefois, l'employeur peut de son propre gré payer la totalité du montant de ces cotisations. L'employeur est tenu de déclarer et de verser les cotisations de son employé et d'en prouver le versement en indiquant sa part et celle

| | | |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p><u>Icyiciro cya 2: Ubwisungane mu kwivuza</u></p> | <p>share. <u>Section 2: Community-based health insurance schemes</u></p> | <p>de l'employé. <u>Section 2 : Mutuelles de santé</u></p> |
| <p><u>Ingingo ya 11: Abarebwa n'ubwishingizi bw'ubwisungane mu kwivuza</u></p> | <p><u>Article 11: Persons required to join community-based health insurance schemes</u></p> | <p><u>Article 11: Personnes devant s'affilier aux mutuelles de santé</u></p> |
| <p>Umunyarwanda wese udafite ubundi bwishingizi buvugwa muri iri tegeko agomba kugira ubwishingizi bw'ubwisungane mu kwivuza.</p> | <p>Any Rwandan national without any other health insurance provided under this Law must have a community-based health insurance.</p> | <p>Tout Rwandais n'ayant aucune autre assurance maladie visée par la présente loi doit être affilié à une mutuelle de santé.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 12: Umusanzu n'inkunga mu bwisungane mu kwivuza</u></p> | <p><u>Article 12: Contribution to and financing of community-based health insurance schemes</u></p> | <p><u>Article 12: Cotisation et financement pour les mutuelles de santé</u></p> |
| <p>Mu bwisungane mu kwivuza buri muntu atanga cyangwa atangirwa umusanzu we ku giti cye.</p> | <p>In case of community-based health insurance scheme, the contribution shall be paid on an individual basis by the concerned person or by another party on his/her behalf.</p> | <p>En cas de mutuelle de santé, la cotisation est individuelle et est versée par la personne concernée ou pour le compte de cette dernière par un tiers.</p> |
| <p>Ibigo by'ubwishingizi bw'indwara, byaba ibiharanira inyungu n'ibya Leta, bitanga inkunga mu bwisungane mu kwivuza. Izindi nkunga zishobora guturuka ahandi ahari ho hose.</p> | <p>Both commercial and public health insurance entities shall contribute to the financing of community-based health insurance schemes. There can also be any other sources of financing.</p> | <p>Les entités d'assurance maladie tant commerciales que publiques contribuent au financement des mutuelles de santé. Il peut y avoir également d'autres sources de financement.</p> |
| <p><u>Icyiciro cya 3: Ubwishingizi mu kwivuza butangwa n'amashyirahamwe</u></p> | <p><u>Section 3: Health insurance provided by associations</u></p> | <p><u>Section 3 : Assurance maladie fournie par les associations</u></p> |
| <p><u>Ingingo ya 13: Abarebwa n'ubwishingizi bw'indwara butangwa n'amashyirahamwe</u></p> | <p><u>Article 13: Persons to be covered by health insurance provided by associations</u></p> | <p><u>Article 13 : Personnes devant être couvertes par l'assurance maladie fournie par les associations</u></p> |
| <p>Ubwishingizi bw'indwara butangwa n'amashyirahamwe bureba abantu, baba ababarizwa mu ishyirahamwe rimwe cyangwa mu mashyirahamwe yishyize hamwe mu buryo</p> | <p>Health insurance provided by associations shall cover members of the same association or members from more than one association that legally bind together for community-based health insurance purposes.</p> | <p>L'assurance maladie fournie par des associations couvre les membres d'une même association ou des associations différentes qui se sont regroupées légalement en vue de la mutuelle de santé.</p> |

bwemewe n'amategeko, bagamije ubwisungane mu kwivuza.

Kugira ngo ishyirahamwe ryemewe n'amategeko rishobore gukora ibikorwa by'ubwishingizi bw'indwara rigomba kuba rifite icyemezo gitangwa n'urwego rutanga uburenganzira bwo gukora umurimo w'ubwishingizi mu Rwanda.

Ingingo 14: Imisanzu

Imisanzu itangwa n'abanyamuryango b'amashyirahamwe mu kwivuza yemezwa n'inama rusange y'abanyamuryango hakurikijwe imirongo ngenderwaho igenwa n'urwego rushinzwe gutanga amabwiriza ajyanye n'imitunganyirize y'umurimo w'ubwishingizi.

UMUTWE WA III: UBWISHINGIZI BW'INDWARA BUTANGWA N'IBIGO BIHARANIRA INYUNGU

Ingingo ya 15: Abarebwa n'ubwishingizi bw'indwara butangwa n'ibigo biharanira inyungu

Ubwishingizi bw'indwara butangwa n'ibigo biharanira inyungu bufatwa ku bushake bwa buri muntu ku giti cyane cyangwa itsinda ry'abantu bagirana amasezerano y'ubwishingizi bw'indwara n'ikigo kibutanga.

Birabujijwe guheza umuntu uwo ari we wese cyangwa itsinda ry'abantu hashingiwe ku ivangura iryo ariyo ryose mu gufata

In order for a legally recognised association to carry out health insurance business, the association must have an authorization issued by the authority regulating insurance business in Rwanda.

Article 14: Contributions

Contributions paid by members of health insurance associations shall be approved by the general assembly of members in compliance with the guidelines issued by the authority regulating insurance business.

CHAPTER III: COMMERCIAL HEALTH INSURANCE

Article 15: Persons to be covered by commercial health insurance

Commercial health insurance shall be subscribed by an individual on a voluntary basis or a group of people who conclude a health insurance contract with the insurance provider.

It is prohibited to deny a person or a group of persons access to health insurance services for any reason based on discrimination of any kind.

Une association légalement reconnue doit, avant d'exercer les activités d'assurance maladie, avoir une autorisation de l'autorité chargée de la réglementation des activités d'assurance au Rwanda.

Article 14 : Cotisations

Les cotisations payées par les membres des associations d'assurance maladie sont approuvées par l'assemblée générale des membres en conformité avec les lignes directrices fixées par l'autorité chargée de la réglementation des activités d'assurance.

CHAPITRE III: ASSURANCE MALADIE COMMERCIALE

Article 15 : Personnes devant être couvertes par l'assurance maladie commerciale

L'assurance maladie commerciale est souscrite par un individu à titre volontaire ou par un groupe de personnes ayant conclu un contrat d'assurance maladie avec le fournisseur d'assurance.

Il est interdit de refuser à une personne ou à un groupe de personnes l'accès aux services d'assurance maladie pour un motif quelconque

ubwishinginzi bw'indwara.

fondé sur une forme de discrimination quelle qu'elle soit.

Ingingo ya 16: Imisanzu itangwa mu bigo by'ubwishingizi bw'indwara biharanira inyungu

Article 16: Premiums payable to commercial health insurance entities

Article 16: Primes payées auprès des entités commerciales d'assurance maladie

Imisanzu itangwa mu bigo by'ubwishingizi bw'indwara biharanira inyungu ishingira ku masezerano hagati y'umwishingizi n'uwishingiwe indwara.

The amount of premiums payable to commercial health insurance entities shall be based on the contract between the insurer and the insured person.

Les primes payées auprès des entités commerciales d'assurance maladie sont basées sur le contrat conclu entre l'assureur et l'assuré.

Ibipimo ntarengwa by'iyo misanzu bigenwa hakurikijwe amabwiriza y'urwego rutanga uburenganzira bwo gukora umurimo w'ubwishingizi mu Rwanda.

The maximum amount of the premiums to be charged shall be determined by the authority regulating insurance business in Rwanda.

Le montant maximum des primes à payer est déterminé par l'autorité chargée de la réglementation des activités d'assurance au Rwanda.

Ingingo ya 17: Ibikubiye mu masezerano y'ubwishingizi bw'indwara butangwa n'ibigo by'ubwishingizi bw'indwara biharanira inyungu

Article 17: Contents of commercial health insurance contract

Article 17: Contenu d'un contrat d'assurance maladie commerciale

Amasezerano y'Ubwishingizi bw'indwara butangwa n'ibigo by'ubwishingizi bw'indwara biharanira inyungu akubiyemo iby'ingenzibikurikira:

The commercial health insurance contract shall include the following basic information:

Le contrat d'assurance maladie commerciale comprend les informations de base suivantes:

- 1° ibyo uwishingiwe ahabwa mu bwishingizi bw'indwara;
- 2° ibigo by'ubuvuzi byemewe mu gihugu kandi bifitanye amasezerano n'umwishingizi;
- 3° ingano y'imisanzu;

- 1° the types of health insurance benefits paid to the insured person;
- 2° recognised healthcare entities having concluded agreements with the insurer;
- 3° the amount of premiums;

- 1° la nature des prestations d'assurance maladie versées à l'assuré;
- 2° les entités de santé agréés qui ont conclu des accords avec l'assureur;
- 3° le montant des primes;

- | | | |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 4° umuntu ushinzwe gukusanya no gutanga imisanzu y'abishingiwe iyo ubwishingizi buhawe itsinda; | 4° the person responsible for collection and remittance of contributions in case of group health insurance; | 4° la personne chargée de la perception et de la remise des cotisations en cas d'assurance maladie collective; |
| 5° ibishobora gutuma uwishingiwe atakaza ubwishingizi bw'indwara; | 5° conditions for termination of health insurance coverage for the insured person; | 5° les conditions de résiliation de la couverture d'assurance maladie pour l'assuré; |
| 6° ibisabwa kugira ngo uwishingiwe ahabwe ibikorwa by'ubuvuzi. | 6° requirements for the insured person's access to healthcare services. | 6° les conditions d'accès par l'assuré aux services de soins de santé. |

UMUTWE WA IV: INGINGO ZIHURIWEHO

CHAPTER IV: COMMON PROVISIONS

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS COMMUNES

Ingingo ya 18: Inshingano z'umwishingizi

Article 18: Responsibilities of the insurer

Article 18: Responsabilités de l'assureur

Umwishingizi, ishyirahamwe cyangwa ikigo cy'ubwishingizi bw'indwara bifite inshingano zikurikira:

The insurer, association or health insurance entity shall have the following responsibilities:

L'assureur, l'association ou une entité d'assurance maladie ont les responsabilités suivantes:

- | | | |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 1° gutegura ibikurikizwa kugira ngo umuntu afate ubwishingizi bw'indwara; | 1° to set conditions for subscribing to health insurance; | 1° fixer les conditions requises pour souscrire une assurance maladie ; |
| 2° kwishingira indwara cyangwa ibikorwa by'ubuvuzi ku wishingiwe cyangwa abo yishingiye nk'uko biteganywa n'iri tegeko cyangwa n'amasezerano y'ubwishingizi bw'indwara; | 2° to insure against diseases or healthcare services in favour of the insured person or his/her eligible beneficiaries as provided under this Law or under health insurance agreements; | 2° assurer l'assuré contre les maladies ou assurer des services de soins de santé en sa faveur ou en faveur de ses ayants-droit en vertu de la présente loi ou en vertu des contrats d'assurance maladie; |
| 3° gukurikirana imiterere n'ingano y'ibikorwa by'ubuvuzi bihabwa umunyamuryango n'uwishingirwa n'umunyamuryango hashingiwe ku masezerano umwishingizi afitanye n'ikigo gitanga ubuvuzi; | 3° to follow up on the quality and quantity of healthcare services provided to the affiliate and the affiliate's eligible beneficiary according to the agreement between the insurer and the healthcare entity; | 3° faire le suivi de la qualité et de la quantité des services de soins de santé offerts à l'affilié ou à l'ayant-droit de l'affilié conformément à l'accord entre l'assureur et l'entité de santé; |

Official Gazette n° 04 of 25/01/2016

| | | |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 4° gutanga ibikorwa by'ubwishingizi bw'indwara ku muntu ku giti cye cyangwa itsinda ry'abantu; | 4° to provide health insurance services to an individual or a group of people; | 4° fournir des services d'assurance maladie à un individu ou à un groupe de personnes; |
| 5° kugirana amasezerano n'ibigo by'ubuvuzi n'ibitanga imiti; | 5° to enter into contracts with healthcare and pharmaceutical entities; | 5° conclure des contrats avec les entités de santé et pharmaceutiques; |
| 6° kugira uruhare mu kugena ibiciro by'ibikorwa by'ubuvuzi; | 6° to participate in regulating prices of healthcare services; | 6° participer à la régulation des prix des services des soins de santé; |
| 7° kugira uruhare mu guteza imbere ibikorwa by'ubuvuzi; | 7° to participate in the development of healthcare quality; | 7° participer au développement de la qualité des soins de santé; |
| 8° gukusanya no kugaragaza amakuru ajyanye n'ubwishingizi bw'ibikorwa by'ubuvuzi umunyamuryango n'uwishingirwa n'umunyamuryango bahawe; | 8° to gather and reveal information regarding health insurance services provided to the affiliate and the affiliate's eligible beneficiary; | 8° rassembler et révéler des informations concernant les services d'assurance maladie offerts à l'affilié ou à l'ayant-droit de l'affilié; |
| 9° gusesa amasezerano bafitanye n'ibigo bitanga ibikorwa by'ubuvuzi iyo bitubahiriza uburenganzira bw'abanyamuryango; | 9° to terminate contracts entered into with healthcare entities that violate the rights of the affiliates; | 9° résilier les contrats conclus avec les entités de soins de santé qui violent les droits des affiliés; |
| 10° kumenyesha abanyamuryango uburenganzira bafite ku bwishingizi bafashe; | 10° to inform the affiliates about their rights to the insurance policy they have subscribed; | 10° informer les affiliés de leurs droits à l'assurance qu'ils ont souscrite; |
| 11° gutangaza imibare yerekana uburyo abanyamuryango n'abishingirwa n'umunyamuryango bahabwa ubuvuzi; | 11° to report on statistics related to the consumption of healthcare services by the affiliates and affiliates' eligible beneficiaries; | 11° publier les statistiques liés à la consommation des services de soins de santé par les affiliés et les ayants-droit des affiliés; |
| 12° gushyiraho ibihano byihariye ku muntu wakoze cyangwa wirengagije gukora | 12° to set specific sanctions applicable to a person who, contrary to contract or legal | 12° fixer les sanctions particulières applicables à la personne qui, |

ibikorwa runaka mu buryo bunyuranyije n'amasezerano cyangwa n'ingingo z'amategeko ajyanye n'ubwishingizi bw'indwara.

provisions relating to health insurance, undertakes or omits to undertake a given action.

contrairement aux contrats ou aux dispositions légales relatives à l'assurance maladie, pose ou omet de poser un acte donné.

Ingingo ya 19: Ibitishingirwa n'ubwishingizi bw'indwara

Article 19: Cases not covered by health insurance

Article 19: Cas non couverts par l'assurance maladie

Bimwe mu byo Ubwishingizi bw'indwara butishingira ni ibi bikurikira:

Some of the cases which are not covered by health insurance are the following:

Certains des cas non couverts par l'assurance maladie sont les suivants:

- 1° Ingaruka zo kudakurikiza amabwiriza ajyanye n'uburyo bwo kuvura;
- 2° kwivuzwa cyangwa kwipimisha indwara bidafitanye isano na zimwe mu ndwara zisuzumwa;
- 3° Ibiateganyijwe mu Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze, rishyiraho ibikorwa by'ubuvuzi bitangwa, uretse icyo hari amasezerano yihariye.

- 1° failure to follow medical instructions regarding treatment;
- 2° treatment or laboratory tests unrelated to one of the illnesses subject to consultation;
- 3° cases that are not provided for under the Order of the Minister in charge of Health determining healthcare services provided unless there are special agreements.

- 1° les conséquences du non-respect des instructions médicales concernant le traitement ;
- 2° le traitement ou les examens de laboratoire n'ayant aucun rapport avec certaines des maladies faisant l'objet de consultation;
- 3° les cas non prévus par l'Arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions déterminant les prestations de soins de santé fournies sauf s'il existe des accords particuliers.

Ingingo ya 20: Ibikorwa by'ubuvuzi n'ababitanga

Article 20: Healthcare packages and respective providers

Article 20: Gamme de prestations de soins de santé et prestataires respectifs

Abemerewe gutanga ibikorwa byo kuvura mu bwishingizi bw'indwara ni ibigo by'ubuvuzi bya Leta, ibigo by'abafatanyaga na Leta ku bw'amasezerano cyangwa iby'abigenga byemerewe gukora uwo mwuga kandi bifitanye

Those authorized to provide healthcare services as part of health insurance are public healthcare entities, healthcare entities having entered into cooperation agreement with the Government or private healthcare entities approved to that end and having entered into

Sont autorisés à offrir des services de soins de santé dans le cadre de l'assurance maladie, les entités de santé publiques, les entités de santé conventionnées ou privées agréées à cet effet et qui concluent des accords avec les entités

amasezerano n'ibigo by'ubwishingizi.

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rishyiraho urutonde rw'ibikorwa by'ubuvuzi fatizo bitangwa hamwe n'ibijyanye no gusuzuma uko ubuzima bw'umuntu buhagaze.

Ingingo ya 21: Ibikorwa by'ubuvuzi byafatiwe ubundi bwishingizi

Indwara cyangwa impanuka bikomoka ku kazi, impanuka mu muhanda, ubuvuzi bw'abantu byishingirwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Icyakora, iyo indwara cyangwa impanuka bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bigwiririyeye uwishingiwe n'ikigo cy'ubwishingizi bw'indwara kimwishingira kugeza igihe atangiye kwishyurirwa n'umwishingizi.

Iyo bigaragaye ko ibisabwa n'amategeko bituzuye kugira ngo umwishingizi nyakuri yishingire indwara cyangwa impanuka afite mu nshingano, kandi bigaragara ko hari umuntu wateje impanuka, ikigo cy'ubwishingizi ku ndwara cyishingira uwagwiririyeye n'iyi mpanuka nk'indwara isanzwe, ariko kigasigarana uburenganzira bwo gukurikirana uwabigizemo uruhare.

Kugira ngo uwishingirwa cyangwa uwo yishingira atishyuzwa ibyamutanzweho mu

contractual arrangements with insurance entities.

An Order of the Minister in charge of health shall determine a minimum healthcare package and the frequency of medical check-up services.

Article 21: Healthcare services insured by other insurers

Occupational diseases or accidents, road accidents and treatment of human diseases shall be insured in accordance with relevant legal provisions.

However, where a person insured under a given health insurance scheme is a victim of a disease or an accident referred to under Paragraph One of this Article, the insurance scheme shall continue to provide insurance coverage for him/her until the insurer starts paying for him/her.

Where it is established that the conditions required by law are not met for the insurer concerned to cover the costs of healthcare services in case of illness or an accident falling under his/her coverage and it becomes obvious that the accident is caused by a third party, the health insurance entity shall cover the victim as if he/she has an ordinary illness while retaining the right of action against the person having caused the accident.

For the insured or his/her eligible beneficiary not to be required to reimburse the costs of healthcare

d'assurance.

Un Arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions détermine la gamme minimum de soins de santé et la fréquence des services de contrôle médical.

Article 21: Prestations de soins de santé assurées par d'autres assureurs

Les maladies ou les accidents professionnels, les accidents de roulage et le traitement des maladies humaines sont assurés conformément aux dispositions légales en la matière.

Toutefois, lorsqu'une maladie ou un accident visé à l'alinéa premier du présent article survient à une personne assurée par une entité d'assurance maladie, cette dernière continue de lui fournir une couverture d'assurance jusqu'à ce que l'assureur commence à assurer son paiement.

Lorsqu'il est constaté que les conditions requises par la loi ne sont pas remplies pour que l'assureur concerné prenne en charge les coûts des prestations en cas d'une maladie ou d'un accident relevant de sa couverture et qu'il est évident que l'accident est attribuable à un tiers, l'entité d'assurance maladie prend en charge la victime en tant que personne souffrant d'une maladie ordinaire tout en conservant le droit d'action contre l'auteur de l'accident.

Pour que l'assuré ou son ayant-droit ne soit pas obligé de rembourser les coûts des prestations de

kumuvuza, agomba kugeza ku kigo cy'ubwishingizi bw'indwara, mu gihe kitarenze amezi atatu (3), ibisobanuro n'inyandiko z'umwimerere zose zirebana n'ikosa yakorewe zishobora kugifasha kwishyura uwabigizemo uruhare.

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena uburyo ibisabwa, n'igihe ntarengwa cyo kwishyura no kwishyura amafaranga ikigo cy'ubwishingizi bw'indwara cyishyuye ku bikorwa by'ubuvuzi byafatiwe ubundi bwishingizi.

Ingingo ya 22: Ikiranga uwishingiwe

Buri munyamuryango n'uwishingirwa n'umunyamuryango bagomba kugira icyemezo kigaragaza ko bafashe ubwishingizi bw'indwara mu kigo cy'ubwishingizi runaka.

Ingingo ya 23: Igihe cyo gutangira no kurangiza guhabwa ubwishingizi

Umunyamuryango hamwe n'uwishingirwa n'umunyamuryango batangira guhabwa ubwishingizi mu kwivuza guhera umunsi ikigo cy'ubwishingizi cyakiriye umusanzu we wa mbere, kugeza igihe umusanzu uhagarariye, bitabangamiye ko icyo gihe cyakwiyongera hakurikijwe umwihariko wa buri mwishingizi.

Icyakora, iyo habayeho gutegereza mbere yo guhabwa ubwishingizi, uwishingiwe hamwe

services received, he/she shall, within a period not exceeding three (3) months, provide the health insurance entity with explanations and all the original copies in connection with the harm suffered so that they can be used by the entity to claim for reimbursement of the costs from the person having caused the accident.

An Order of the Minister in charge of health shall determine applicable conditions, the deadline for claiming for and reimbursing costs of healthcare services covered by another insurance paid by the health insurance entity.

Article 22: Proof of insurance

Every affiliate and affiliate's eligible beneficiary must possess proof of subscribing to health insurance with a given insurance entity.

Article 23: Commencement and end of insurance cover

The insurance coverage for the affiliate and the affiliate's eligible beneficiary shall take effect as from receipt of his/her initial contribution by the insurance scheme and end with cessation of payment of contribution without prejudice to possible extension of that period depending on the peculiarities of each insurer.

However, when the beginning of the entitlement to insurance services is subject to a waiting period, the

soins reçues, il doit, dans un délai n'excédant pas trois (3) mois soumettre à l'entité d'assurance maladie les explications et toutes les copies originales en rapport avec le préjudice qu'il a subi pour que l'entité d'assurance s'en serve pour réclamer le remboursement des coûts auprès de l'auteur de l'accident.

Un Arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions détermine les conditions applicables, les délais de réclamation et de règlement des remboursements des coûts des prestations de soins couvertes par une autre assurance payés par l'entité d'assurance maladie.

Article 22: Preuve d'affiliation

Chaque affilié et ayant-droit de l'affilié sont tenus de détenir une preuve d'affiliation à une assurance maladie dans une entité d'assurance donnée.

Article 23: Début et fin de la couverture d'assurance

La couverture d'assurance maladie pour l'affilié et l'ayant-droit de l'affilié prend effets dès la réception de sa cotisation initiale par l'entité d'assurance et prend fin à la cessation du versement de la cotisation sans préjudice d'une éventuelle prolongation de cette période en fonction des particularités de chaque assureur.

Toutefois, lorsque la naissance du droit aux prestations d'assurance est subordonnée à un délai

n'abandi bafite uburenganzira ku bwishingizi bwe bakomeza guhabwa ubwishingizi bw'indwara mu gihe kingana n'icyo bamaze bategereza gutangira guhabwa ubwo bwishingizi.

insured person and his/her eligible beneficiaries shall continue to enjoy insurance services for a period equivalent to the waiting period to which his/her entitlement to insurance services was subject.

d'attente, l'assuré et ses ayants-droit continuent de jouir du droit aux prestations d'assurance pour la période équivalente au délai d'attente auquel le droit à l'assurance a été subordonné.

Ingingo ya 24: Inshingano z'umunyamuryango

Article 24: Responsibilities of the affiliate

Article 24: Responsabilités de l'affilié

Umunyamuryango afite inshingano zikurikira:

The affiliate shall have the following responsibilities:

L'affilié a les responsabilités suivantes:

1° kwishyura imisanzu nk'uko isabwa;

1° to pay premiums or contributions as required;

1° payer les primes ou les cotisations requises;

2° kwishyura inyunganirabwishyu ku bikorwa by'ubuvuzi yakorewe;

2° pay co-payment fee for healthcare services received;

2° payer le ticket modérateur pour les prestations de soins reçues;

3° gutanga amakuru nyayo asabwa n'umwishingizi.

3° provide correct information as required by the insurer.

3° fournir des informations correctes exigées par l'assureur.

Ingano y'inyunganirabwishyu igenwa n'Iteka rya Ministiri ufite ubwiteganyirize mu nshingano ze.

The co-payment fee rate shall be determined by an Order of the Minister in charge of social security.

Le taux du ticket modérateur est déterminé par un Arrêté du Ministre ayant la sécurité sociale dans ses attributions.

Ingingo ya 25: Kwishyura inyemezabuguzi z'ibigo bitanga ubuvuzi

Article 25: Payment of bills from healthcare entities

Article 25: Règlement des factures des entités de santé

Inyemezabuguzi zemewe kandi nyazo zitangwa n'ibigo by'ubuvuzi zigomba kwishyurwa mu gihe cyumvikanweho hagati y'ikigo cy'ubuvuzi n'umwishingizi. Nyamara, umwishingizi ashobora kutishyura icyo giciro cyangwa kugabanya amafaranga agomba kwishyurwa iyo:

Approved and accurate bills from healthcare entities shall be paid within a period agreed upon by the healthcare facility and the insurer. However, the insurer may reject or reduce the costs claimed where:

Les factures approuvées et exactes établies par les entités de santé doivent être réglées dans un délai convenu entre l'entité et l'assureur. Toutefois, l'assureur peut refuser ou réduire les frais réclamés lorsque:

1° asanze ibisabwa nta shingiro bifite, bituzuye cyangwa bishingiye ku makuru

1° it considers that the claim is unfounded, inaccurate or based on insufficient

1° il estime que la demande est non fondée, incomplète ou se base sur des

| | | |
|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| adahagije; | information; | informations insuffisantes ; |
| 2° ikigo cy'ubuvuzi kitubahirije nta mpamvu ifatika ibiteganywa muri iri tegeko cyangwa mu masezerano cyagiranye n'umwishingizi. | 2° a healthcare entity failed to comply with the provisions of this Law or of the agreement with the insurer without just reason. | 2° l'entité de santé ne s'est pas conformée aux dispositions de la présente loi ou à celles de l'accord avec l'assureur sans raison valable. |
| Icyo gihe ikigo cy'ubuvuzi kimenyeshwa ibyo kitubahirije. | In such a case, the healthcare entity shall be notified of its compliance failures. | Dans ce cas, l'établissement de santé est notifié de la non-conformité. |
| UMUTWE WA V: INAMA Y'UBWISHINGIZI KU NDWARA MU RWANDA | CHAPTER V: RWANDA HEALTH INSURANCE COUNCIL | CHAPITRE V: CONSEIL D'ASSURANCE MALADIE AU RWANDA |
| <u>ngingo ya 26: Inama y'Igihugu y'ubwishingizi bw'indwara</u> | <u>Article 26: National Health Insurance Council</u> | <u>Article 26: Conseil National d'Assurance Maladie</u> |
| Hashyizweho Inama y'Igihugu y'ubwishingizi bw'Indwara mu Rwanda. Inama y'Igihugu y'ubwishingizi igenzurwa na Minisitiri ifite ubwishingizi mu nshingano zayo. | There is hereby established a National Health Insurance Council in Rwanda. The National Health Insurance Council shall be supervised by the Ministry in charge of insurance. | Il est créé un Conseil National d'Assurance Maladie au Rwanda. Le Conseil National d'Assurance Maladie est placé sous tutelle du Ministère ayant l'assurance dans ses attributions. |
| Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena abayigize, imiterere n'imikorere yayo. | A Prime Minister's Order shall determine its composition, organization and functioning. | Un Arrêté du Premier Ministre détermine sa composition, son organisation et son fonctionnement. |
| <u>Ingingo ya 27: Inshingano z'Inama y'Igihugu y'ubwishingizi bw'indwara</u> | <u>Article 27: Responsibilities of the National Health Insurance Council</u> | <u>Article 27: Attributions du Conseil National d'Assurance Maladie</u> |
| Inama ifite inshingano y'ingenzi yo kugenzura ibikorwa by'ubwishingizi bw'indwara. | The main mission of the Council shall be to supervise health insurance activities. | Le Conseil a pour principale mission de superviser les activités d'assurance maladie. |
| By'umwihariko, Inama ishinzwe ibi bikurikira: | In particular, the Council shall have the following responsibilities: | En particulier, le Conseil a les attributions suivantes : |

Official Gazette n° 04 of 25/01/2016

- | | | |
|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 1° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ubwishingizi bw'indwara; | 1° to monitor the use of health insurance; | 1° surveiller l'utilisation de l'assurance maladie; |
| 2° gukurikirana ubwinshi, umwete mu gutanga ibikorwa by'ubuvuzi hashingiwe ku masezerano; | 2° to monitor the volume and timeliness of healthcare services provided under contracts; | 2° surveiller le volume et la diligence dans la prestation des services de santé fournis en vertu de contrats ; |
| 3° gutanga ibitekerezo ku bijyanye n'uburyo ubwishingizi ku ndwara butangwa; | 3° to provide opinion on the provision of health insurance services; | 3° donner des avis sur l'offre des services d'assurance maladie; |
| 4° gukurikirana uburyo ibikorwa by'ubwishingizi bunozwe bitangwa ku banyamuryango cyangwa abishingiwe; | 4° to supervise the quality of insurance services as far as services provided to the affiliates or the insured persons are concerned; | 4° superviser la qualité des services d'assurance maladie en ce qui concerne les services offerts aux affiliés ou aux assurés ; |
| 5° gusaba Minisiteri ifite ubwishingizi mu nshingano guhana umwishingizi, ikigo gitanga ibikorwa by'ubuvuzi cyangwa ikigo gitanga ubuvuzi bitubahirije ibikubiye mu masezerano; | 5° to request the Ministry in charge of insurance to impose sanctions against an insurer, a healthcare services entity or a healthcare entity that violates the terms and conditions of contracts; | 5° demander au Ministère ayant l'assurance dans ses attributions d'imposer des sanctions à un assureur, une entité de soins de santé ou une entité de santé qui viole les conditions énoncées dans les contrats ; |
| 6° gukurikira imikorere y'ibigo bitanga ubwishingizi no gusaba Minisiteri kubifatira ibihano mu gihe bitubahirije amategeko agenga ubwishingizi bw'indwara; | 6° to monitor the functioning of insurance entities and request the Ministry to impose sanctions against them in case of violation of the laws governing health insurance; | 6° faire le suivi du fonctionnement des entités d'assurance et demander au Ministère de prendre des sanctions à leur encontre en cas de violation des lois régissant l'assurance maladie ; |
| 7° gushyiraho ibiciro by'ubuvuzi bitangwa n'abishingizi; | 7° to set prices or tariffs for services provided by insurers; | 7° déterminer les prix ou les tarifs pour les services prestés par les assureurs; |
| 8° kuvuganira ibigo by'ubwishingizi bw'indwara; | 8° to advocate for health insurance entities; | 8° faire le plaidoyer des entités d'assurance maladie ; |

9° kugira inama Minisitiri w'Ubuzima ku bikorwa bijyanye n'ubwishingizi bw'indwara;

10° gukora ubucukumbuzi no kujya inama ku bikorwa cyangwa ku bintu byirengagijwe bikabangamira amasezerano y'ubwishingizi bw'indwara cyangwa izindi ngingo z'amategeko agenga ubwishingizi bw'indwara byakozwe n'ibigo bitanga serivisi z'ubuvuzi, abishingizi, abishingiwe cyangwa undi muntu ufitanye isano n'ibikorwa by'ubwishingizi bw'indwara;

11° gukora ibindi bikorwa bijyanye n'ubwishingizi bw'indwara byashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

9° to advise the Minister on matters relating to health insurance activities;

10° to conduct thorough analysis and provide advice on the actions or omissions that impede the implementation of health insurance contracts or other legal provisions governing health insurance done by the healthcare entities, insurers, insured or any other person involved in health insurance activities;

11° to perform such other health insurance-related activities as may be determined by a Prime Minister's Order.

9° conseiller le Ministre de la Santé sur les activités d'assurance maladie ;

10° faire des analyses approfondies et donner des conseils sur les actions ou les omissions constituant une entrave à l'application des contrats d'assurance ou d'autres dispositions légales régissant l'assurance maladie, faites par les entités de santé, les assureurs, les assurés ou toute autre personne liée aux activités d'assurance maladie ;

11° réaliser d'autres activités en matière de l'assurance maladie qui pourraient être déterminées par Arrêté du Premier Ministre.

UMUTWE WA VI: INGAMBA KU GUKUMIRA IMIKORERE MIBI MU ITANGWA RY'UBUVUZI

Ingingo ya 28: Kubahiriza urutonde rw'imiti rwemewe

Ubwishingizi bw'indwara bugomba byibura kubahiriza urutonde rw'imiti rwemewe mu rwego rw'Igihugu.

CHAPTER VI: MEASURES TO PREVENT MALPRACTICES IN THE PROVISION OF HEALTHCARE SERVICES

Article 28: Compliance with approved drug list

A health insurance scheme shall at least comply with the National Drug List.

CHAPITRE VI: MESURES DE PREVENTION DE MAUVAISES PRATIQUES DANS LA PRESTATION DES SERVICES DE SANTE

Article 28: Conformité avec la liste des médicaments autorisés

Un régime d'assurance maladie doit au moins se conformer à la liste nationale des médicaments.

Ingingo ya 29: Ubuziranenge mu gutanga ibikorwa by'ubwishingizi

Inama y'Igihugu y'ubwishingizi bw'indwara ikurikirana ko ibigo by'ubuvuzi bishyiraho uburyo bwo gutanga ibikorwa by'ubwishingizi binoze, no kugenzura imikoreshereze y'ikoranabuhanga kugira ngo:

- 1° ibikorwa by'ubuvuzi bitangwa n'ibigo by'ubuvuzi bibe biteye neza kandi byujuje ibisabwa;
- 2° ubuvuzi butangwe kimwe mu gihugu;
- 3° gukoresha ikoranabuhanga mu buvuzi n'ibikoresho by'ikoranabuhanga bibe bijyanye n'ibikenewe koko n'ibisabwa mu buvuzi;
- 4° habeho ubwumvikane hagati y'ibigo by'ubuvuzi n'umwishingizi mu bijyanye n'ibikorwa byo kuvura;
- 5° uburyo bwo kuvura no gutanga imiti bube buhamye, ari ngombwa kandi bwubahiriza ibisabwa mu mwuga wo kuvura n'imyitwarire y'abaganga;
- 6° imiti n'imivurire bibe bihuye n'urutonde rw'imiti rushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze;

Article 29: Quality assurance in the provision of insurance services

The National Health Insurance Council shall ensure that healthcare entities put in place mechanisms that secure quality assurance for insurance services and assess the use of technologies to ensure that:

- 1° the quality of healthcare services provided by healthcare entities are of reasonably good quality and high standard;
- 2° healthcare services are of standards that are uniform throughout the country;
- 3° the use of medical technology and technological equipment are consistent with actual needs and standards of medical practice;
- 4° both the healthcare entities and the insurer agree on healthcare services;
- 5° medical procedures and administration of drugs are appropriate, necessary and comply with accepted medical practice and ethics;
- 6° drugs and medication conform to the National Drug List set by the Ministry in charge of Health;

Article 29: Assurance qualité dans la prestation des services d'assurance

Le Conseil national d'assurance maladie s'assure que les entités de soins de santé mettent en place des mécanismes pour assurer l'assurance qualité des services d'assurance et évaluer l'utilisation des technologies afin de s'assurer que:

- 1° les prestations de soins de santé fournies par les entités de santé sont de qualité et répondent aux normes;
- 2° les services de santé sont conformes aux normes uniformes dans tout le pays;
- 3° l'utilisation de la technologie médicale et les équipements technologiques sont conformes aux besoins réels et aux normes de la pratique médicale;
- 4° les entités de santé et l'assureur sont d'accord sur les prestations de soins de santé;
- 5° les actes médicaux et d'administration de médicaments sont appropriés, nécessaires et conformes aux pratiques médicales acceptées et à l'éthique médicale;
- 6° les médicaments et le traitement sont conformes à la liste des médicaments dressée par le Ministre ayant la santé dans ses attributions;

7° amabwiriza ya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze ajyanye n'ubuziranenge mu by'ubuzima yubahirizwe.

7° instructions of the Minister in charge of Health in connection with health standards are followed.

7° les instructions du Ministre ayant la santé dans ses attributions en rapport avec les normes en matière de santé sont respectées.

Ingingo ya 30: Uburyo bwo gukemura impaka mu birebana n'ubwishingizi

Ikigo cy'ubwishingizi kigomba gushyiraho uburyo bwo gukemura impaka, hagati yacyo n'abishingirwa, hagati yacyo n'ibigo by'ubuvuzi ndetse no hagati y'abishingirwa n'ibigo by'ubuvuzi. Iyo izo mpaka zidakemutse, ubifitemo inyungu abigeza ku Nama y'ubwishingizi bw'indwara.

Article 30: Procedure for the settlement of insurance disputes

An insurance entity must put in place a procedure for the settlement of disputes between the entity and the insured, between the entity and healthcare entities and between the insured and healthcare entities. In case of failure to settle such disputes, the interested party shall refer the matter to the Health Insurance Council.

Article 30: Procédure de règlement des litiges liés à l'assurance

Une entité d'assurance maladie doit mettre en place une procédure de règlement des litiges entre lui et les assurés, entre lui et les entités de santé et entre les assurés et les entités de santé. A défaut de résolution de ces litiges, la partie intéressée soumet l'affaire au Conseil d'Assurance Maladie.

UMUTWE WA VII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 31: Igihe gihabwa amashyirahamwe asanzwe akora umurimo w'ubwishingizi

Amashyirahamwe asanzwe akora umurimo w'ubwishingizi bw'indwara ahawe igihe cy'amezi atatu (3) guhera igihe iri tegeko rizatangarizwa kugira ngo abe yujuje ibisabwa mu ngingo ya 13 y'iri tegeko.

Article 31: Time-limit granted to associations already engaged in the insurance activity

Associations already engaged in the health insurance activity shall have a period of three (3) months as from the publication of this Law to meet the requirements provided under Article 13 of this Law.

Article 31: Délai accordé aux associations déjà engagées dans l'activité d'assurance

Les associations déjà engagées dans l'activité d'assurance maladie disposent d'un délai de trois (3) mois à compter de la publication de la présente loi pour remplir les conditions visées à l'article 13 de la présente loi.

Ingingo ya 32: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Article 32: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 32: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 33: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 34: Igihe iri itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ryatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe Kigali, kuwa **23/11/2015**

Article 33: Repealing provisions

All prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

Article 34: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **23/11/2015**

Article 33: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 34: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **23/11/2015**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux